REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI
BW'IKIRERE

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 9, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA MBERE UKUBOZA (11-20) 2019

**Cyasohotse ku itariki ya 23 Ukuboza, 2019**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Ukuboza kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nke ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe k'imyaka myinshi. Imvura nyinshi iruta isanzwe igwa yabonetse ku bupimiro bwa Ngoma aho hapimwe milimetero 142.6, Kigali (71.2mm), Musanze(49.5mm), Rubavu(45.6) na Nyamagabe (49.6mm). Imvura nke cyane yapimwe ku bupimiro bwa Gitega(4.4mm), Nyagatare(2.5mm) na Gicumbi(1.1mm).


Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 29.9(°C ) mu Bugarama na 21.8 °C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi kiri hagati ya dogere Selisiyusi 11.9(°C) ku bupimiro bwa Musanze na 18.1°C ku bupimiro bwa Bugarama.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2019.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye


Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya kabiri cy'Ukuboza 2019. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 142.6 na milimetero 1.1. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Ngoma (142.6mm), ahandi haguye imvura nyinshi ni kubupimiro bwa Kigali (71.2mm), Rusizi, Rubavu, Nyamagabe Bugarama na Rubengera hapimwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 30. Ku bupimiro bwa Busogo hapimwe milimetero 21.9, Byimana(23.4mm), Kawangire(11.2mm), naho ku bupimiro bwa Gitega, Nyagatare na Gicumbi hapimwe imvura iri munsi ya milimetero 5.




*Ishusho1: Ingano y'Imvura muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza. Ubusanzwe iki igice cy'Ukuboza kigusha imvura iri hagati ya milimetero 58.5 na 21.2; bivuze ko imvura yabaye nke cyane mu gice cya kabiri cy'Ukuboza 2019 ahenshi mu gihugu uretse ku bupimiro bwa Ngoma, Kigali, Nyamagabe, Rubavu, no ku bupimiro bwa Musanze habonetse invura nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa.





***Ishusho 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi k' Ukuboza***

### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo


Ishusho ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu y'igice cya kabiri mu kwezi kw'Ukuboza 2019. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'umunsi umwe n'iminsi itandatu (1-6) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye yabonetse hagati y'iminsi 3 n'iminsi 6.

Iminsi mike yabaye 1 ku bupimiro bwa Nyagatare na Gicumbi naho iminsi myinshi iri hagati 5 na 6 yabonetse kubupimiro bwa Ngoma, Kigali, Nyamagabe, Rubengera, Rusizi, Rubavu no kubupimiro bwa Busogo.




*Ishusho 3: Umubare w'iminsiy'imvura yaguyemo*

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




*Ishusho 4: Ubuhehere bw'ubutaka*


Ishusho ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza 2019 bwagabanutse bitewe n'ibihe by'imvura nke byaranze iyi minsi. Ariko nanone turateganya ko ubuhehere buzongera kwiyongera mu gice cya gatatu cy'ukuboza hagati ya tariki 21 na 31, bitewe n'uko hateganyijwe ukwiyongera kw'imvura muri iki gice cy'ukwezi.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusanga igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ishusho ya 5; ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyus 26.5 na 21.8 ahenshi; Bugarama ikaba yarashyushye cyane kuko yapimye dogere selisiyusi 29.9.




*Ishusho ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

## 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga.Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 11.9 (Musanze) na Dogere Selisiyusi 18.1 (Bugarama). Amajyaruguru niyo yakonje cyane akurikirwa n'Amajyepfo.




*Ishusho ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi ikurikiye (tariki 21-31 Ukuboza 2019)

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije n'igice cya kabiri cy'Ukuboza, hateganyijwe ukwiyongera kw'imvura muri iki gice cya gatatu cy'ukuboza bitewe n'ihuriro ry'imiyaga riri mu karere u Rwanda ruherereyemo rituma umwuka uhehereye wiyongera. Intara y'Amajyepfo, iy'Iburengerazuba n'Iy'Amajyaruguru nizo ziteganyijwemo imvura nyinshi kurusha Intara y'Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ukwiyongera kw'imvura mu gice cya gatatu cy'Ukuboza 2019 (tariki 21-31), abahinzi barashishikarizwa kwegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye n'imirimo yabo y'ubuhinzi n'uko babungabunga ibihingwa ngo badatakaza umusaruro mugihe cyo gusarura twegereje. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda [www.meteorwanda.gov.rw](http://www.meteorwanda.gov.rw), cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.